REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'IBANZE RWA

GASABO

Email: tbgasabo@gmail.com

**IMENYESHA RY'ICA RY'URUBANZA RC 01150/2021/TB/GSBO MU BURYO BW'IMENYESHARUHAME**

Umwaka w'Ibihumbi bibiri na makumyabiri na gatatu, umunsi wa gatanu w' ukwezi kwa mbere

Njyewe RUTABAYIRO Samuel Umwanditsi w'urukiko rw'Ibanze rwa Gasabo ndi ku rukiko aho rukorera mu kagari ka Kibagabaga mu murenge wa Kimironko Akarere ka Gasabo mu mujyi wa Kigali.

Nshingiye ku ngingo ya 148 (3), 46 z'itegeko N0 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

Menyesheje: **Yusufu Mwangaba Fungamukaba**, mwene FUNGAMUKABA MWANGAWABO Yusufu na CYIZA Sakina wari utuye mu mudugudu wa Byimana, akagari ka Musezero, umurenge wa Gisozi, akarere ka Gasabo, umujyi wa Kigali.

Ubu akaba yarimutse aho yari atuye bigatuma aho abarizwa hatazwi nk'uko byemejwe na huissier Me Muvunyi Samuel 18/01/2022.

Mumenyesheje mu buryo bw'Imenyesharuhame Imikirize y'urubanza rw'ubutane **01150/2021/TB/GAS** Yarezwemo ku wa 25/11/2021 na **Musabwayire Theodosie**, mwene MUNYANDAMUTSA Thacien na MUKARUGWIZA Constance, wavutse 1969, utuye mudugudu

wa Byimana, akagari ka Musezero,umurenge wa Gisozi,akarere ka Gasabo,umujyi wa Kigali. Urubanza rukaba rwaraburanishijwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Gasabo ku wa 28/10/2022 **Yusufu Mwangaba Fungamukaba** adahari;

rucibwa kuwa 01/12/2022 ku buryo bukurikira:

Rwemeje ko MUSABWAYIRE Theodosie na Yusufu MWANGABA FUNGAMUKABA batandukanye burundu ku makosa ya Yusufu MWANGABA FUNGAMUKABA.

Rutegetse ko amasezerano yo gushyingirwa ivangamutungo muhahano MUSABWAYIRE Theodosie na Yusufu MWANGABA FUNGAMUKABA bakoreye i Nyarugenge kuwa 22/09/2007 akuweho.

Rutegetse ko MUSABWAYIRE Theodosie na Yusufu MWANGABA FUNGAMUKABA abana 3 babyaranye aribo NKURUNZIZA Aime Noel ufite imyaka 24, UMUTESI Emelyne ufite imyaka 21 baba ku mubyeyi bihitiyemo naho UWURUKUNDO Ange shemsa ufite imyaka 13 akabana na nyina MUSABWAYIRE Theodosie, se akaba afite uburenganzira bwo kumusura no gusurwa nawe.

Rutegetse umwanditsi w'irangamimerere bireba kubyandika mu bitabo byabugenewe. Rutegetse ko amagarama y'urubanza angana n'ibihumbi icumi yatanzwe haregerwa urukiko ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

**UMENYESHEJWE**: **Yusufu Mwangaba Fungamukaba**

**UMUMENYESHEJE**

(Izina, Umurimo akora,umukono na kashe)

UMWANDITSI W'URUKIKO

RUTABAYIRO Samuel

URUKIKO RW'IBANZE RWA GASABO
REPUBULIKA Y'U RWANDA